# REPUBULIKA Y'U RWANDA

# MINISITERI Y'UBUTABERA

**IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA AKABA N'INTUMWA NKURU YA LETA MU NAMA Y'ABAYOBOZI**

***SOBANUKIRWA IBYAHA UBYIRINDE; TURWANYA IHOHOTERWA RIKORERWA MUNGO, TURWANYE GUSAMBANYA ABANA***

**KARONGI, KUWA 31/1/2020**

Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'iburengerazuba ;

Nyakubahwa Munyamabanga Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha ;

Bayobozi bakuru ba Polisi n'Ingabo ;

Nyakubahwa Mayor w Akarere ka Karongi ;

Banyakubahwa Bayobozi ;

Bafatanya bikorwa b'Akarere ka Karongi;

Banyacyubahiro mwese muteraniye hano,

Mwaramutse,

Ndashimira abateguye iyi gahunda yo kuganira ku kibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, irikorerwa mu ngo ndeste n'irikorerwa abana by'umwihariko mu kubasambanya.

Nongeye kandi gushimira namwe mwese batumirwa n'abafatanyabikorwa muri iyi gahunda yo guhashya iki kibazo.

Ihohoterwa rikorerwa mu ngo usanga ahanini riterwa n' urusobe rw' ibindi byaha, birimo nko gucana inyuma hagati y'abashakanye, gukoresha umutungo w'urugo ntabwumvikane, gutererana abana no kwihunza inshingano kenshi na kenshi bikaba byatera ubukene. Ni ikibazo kibasira abantu b'ingeri zose cyane cyane ab'igitsina gore. Iri hohoterwa rigira ingaruka ku wahohotewe, ku muryango we ndetse no ku muryango nyarwanda muri rusange.

Muri Karongi by'umwihariko mwumvise ko imibare iri hejuru, abagore baracyahohoterwa cyane, kandi ikibabaje cyane nuko aba bagore bahohoterwa n'abo bashakanye, aribo bakabaye babarinda banabarengera.
Kugira ngo iki kibazo kibashe kubonerwa umuti, bikaba birasaba ubufatanye bw'inzego zitandukanye zaba iza leta cyangwa iz' abikorera ku giti cyabo.

Abana nabo baracyasambanywa, gutwita imburagihe ndetse no kubyaha no kurera, bikabaviramo ingaruka nyinshi harimo imfu, ihungabana, guta amashuri n'ibindi kandi nyamara nabo bagikeneye kurerwa.

Igihe kirageze ko rero twese twamagana iri hohoterwa kuko uyu si umuco nyarwanda, nkaba nsaba ko twese tubyamagana kandi tukagira uruhare rufatika kandi rugaragara mu kubikumira no gutuma ababikoze babiryozwa ku buryo bibera abandi urugero bityo uyu muco mubi ugacika burundu.
Ndagirango nibutse abayobozi bose muri hano ko buri wese afite uruhare mu gukumira no kurandura iki cyago.
Mugomba gushakisha ingamba nshya zidasanzwe zo gukumira amakimbirane yo mu ngo kuko:

- Nta mpamvu n'imwe iha umugabo cyangwa umugore guhohotera uwo bashakanye cyangwa umwana we.
- Ababyeyi bacu, abo twashakanye, abavandimwe ndetse n'abana bacu bagomga kurindwa ihohoterwa iryo ariryo ryose kabone n'ubwo byatwara ikiguzi kinini.

Iyo dukoze ibisabwa hakagira uducika agakora ibyo byaha, ningombwa ko habaho kubimenyekanisha hakiri kare kugirango uwahohotewe yitabweho, avurwe ndetse ahabwe n'ubutabera bunoze.

Ibyo birasaba ko buri wese aba ijisho rya mugenzi we, agatangira amakuru ku gihe. Nagirango kandi nibutse yuko itegeko rihana umuntu wese uhisha cyangwa uhishira icyaha cy'ubugome cyane cyane ihohoterwa ryo mu ngo, ibi tukaba tubivuga kuko tumaze iminsi tubona aho bamwe mu Bayobozi b'inzego z'ibanze bagerageza kunga abahohotewe n'ababahohoteye. Biteye isoni kumva ko Umuyobozi w'Umudugudu yakunga umuryango w'umwana wasambanijwe n'uwamuhohoteye, kandi ibi ntiduteze na rimwe kuzabyihanganira.

Ndagira ngo nsoze mbonereho umwanya wo gusaba abanya Karongi bose gukomeza gusenyera umugozi umwe, mu gukumira no kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina.

Ndashimira abagize uruhare muri iki gikorwa bose, kandi mbasaba gukomeza urugamba n'ubufatanye musanganywe mu kwamagana no kurandura burundu ihohoterwa kugirango umunyarwanda abeho mu mahoro bityo umuryango Nyarwanda utekane bitume ubasha gutera imbere

Murakoze cyane!